# *Imana ni Yo Musobanuzi w'Ibyayo*

Data wacu wo mw'Ijuru, Ijambo ryaturutse kuri wowe risobanura ibirenze ibyo abantu bose igihe icyo ari cyo cyose bashobora gukora cyangwa kuvuga, kuberako abantu bategereje ku kubona. Kandi turabigushimiye kuko hari abategereje, bashakisha ikintu runaka gishobora kuba. Kandi iyo abantu bafite inyota y'ikintu runaka, uburebure buhamagara ubundi burebure, hagomba kubaho uburebure bwikiriza umuhamagaro. Ni yo mpamvu turi hano muri iri joro, kuko byari biri ku mitima y'aba babwiriza, n'iy'aba bantu, kuduhamagarira kwishyira hamwe kugirango tugusabe imbabazi n'imigisha, twizera ko uzakiza abarwayi ugatarura n'abazimiye, kandi bazagaragaza Ijambo ryawe.

2 Kandi turagusabye, Data wo mw'Ijuru, kugirango ubiduhe mu gihe tugutegereje twicishije bugufi, ijoro ku rindi. Reka habeho u—ugusuka k'Umwuka Wera, kandi umuntu wese ahumirize amaso ku kindi kintu cyose kimuzengurutse uretse Imana yonyine. Reka urusaku nk'uru rusohoke mu bantu, rufite inyota y'Imana, kugeza igihe hazabaho ububyutse hano mu gihugu hose kandi buri torero rikazaba ryuzuye abantu, abanyabyaha batakambira Imana ngo ibagirire imbabazi, na—n'Umwuka Wera akiza abarwayi, atuma abamugaye bagenda, akanazura abapfuye, no gutanga ibyo bintu byasezeranijwe mw'Ijambo ryawe.

3 Ngwino, Mwami Yesu, usohoze amasezerano yawe. Ngwino udusange muri iri joro. Twizera ko uko wahozeho kera, ari ko uri uyu munsi, n'iteka ryose, ko amasezerano yawe adashobora kuneshwa. Ijuru n'isi byombi bizaneshwa ariko Ijambo ryawe ntirizaneshwa. Reka imyumvire yacu ifungurwe. Reka Umwuka Wera aze aducishe bugufi. Reka imyumvire yacu ifungurirwe Umwuka n'imbaraga z'Imana muri iri joro, kugira ngo Agaragaze Amagambo yasezeranijwe binyuze muri twe. Ibyo tubisabye mw'Izina rya Yesu. Amina.

4 Noneho, iri joro, mwebwe abasoma ibyanditswe, reka dufungure Bibiliya mu gitabo cya Petero wa kabiri, hanyuma duhere ku murongo wa 15, gusa mu buryo bwo kuvuga ku byanditswe mu gihe gito.

> *Ariko nzajya ngira umwete kugirango nimara gupfa muzabashe guhora mwibuka ibyo iminsi yose.*
>
> *Burya ntitwakurikije imigani yahimbwe n'ubwenge, ubwo twabamenyeshaga imbaraga z'Umwami wacu*

*Yesu Kristo no kuza kwe, ahubwo twiboneye n'amaso yacu icyubahiro cye gikomeye.*

5 Ibi ndabikunda, "ababyiboneye." Ntabwo ari umugani. Turi abahamya kubyo tuvuga.

*Kuko yahawe n'Imana Data wa twese ishimwe n'icyubahiro, ubwo Ijwi ryavugiraga mu bwiza bukomeye rimubwira riti: Nguyu Umwana wanjye nkunda nkamwishimira.*

*Iryo Jwi twaryumvise rivugira mw'Ijuru, ubwo twari kumwe na We kuri wa musozi wera.*

*Nyamara rero dufite ijambo ryahishuwe rirushaho gukomera; kandi muzaba mukoze neza nimuryitaho, kuko rimeze nk'itabaza rimurikira aha . . . ahacuze umwijima rigakesha ijoro, rikageza aho inyenyeri yo mu ruturuturu izabandurira mu mitima yanyu:*

*Ariko mubanze kumenya yuko ari nta buhanuzi bwo mu byanditwe bubasha gusobanurwa uko umuntu wese yishakiye.*

*Kuko ari nta buhanuzi bwaje mu* gihe *cyashize buzanywe n'ubushake bw'umuntu: ahubwo* abantu *b'Imana bavugaga ibyayo bashorewe n'Umwuka Wera.*

6 Reka Umwami yongere imigisha mu gusomwa kw'Ijambo rye. Noneho, ngiye kubwiriza k'umutwe w'amagambo ukurikira: *Imana ni Yo Musobanuzi w'Ibyayo*.

7 Turi mu minsi urujijo. Turi mu munsi aho abagabo n'abagore batazi rwose icyo gukora. Ibintu byose, bisa nk'aho biri mu gihirahiro. Ibintu byose, bisa nk'aho hari ho uburyo bwinshi bunyuranye abantu babonamo ibintu. Uwo ni Satani, ni we ubikora.

8 Noneho, Imana ntishobora gucira abantu urubanza rutabera, mu kuri, keretse nibuze hari ibyubahirijwe yaheraho kugirango ibacire urubanza. Kandi Bibiliya ivuga ko Izacira abantu bose urubanza ku bwa Yesu Kristo, kandi Yesu Kristo ni Jambo. Muri Mutagatifu Yohani, igice cya 1, kiravuga kiti:

*Mbere na mbere hariho Jambo, Jambo uwo yahoranye n'Imana, kandi Jambo yari Imana.*

*Nuko Jambo yigira umuntu, abana natwe, . . .*

9 Noneho, ibyo turi byo byose uyu munsi bigaragaza imiterere Ye. Mu Mana . . . Mbere na mbere nta n'ubwo yari Imana, Imana, twamwita gusa " Uw'Iteka." Ntabwo yari Imana, kuko ijambo (ijambo ry'icyongereza) *Imana* risobanura "ikintu cyo kuramya" kandi icyo gihe nta kintu na kimwe cyo kuyiramya cyari gihari. Niwe rero Uw'Iteka, i—Isoko nkuru ivomwamo ubwenge bwose. Kandi muri iyo Soko y'ubwenge nta turemangingo duto twari turimo ari akitwa atome cyangwa molekile, nta rumuri

rwabagaho, inyenyeri, ukwezi, nta kindi kintu. Mana, icyo tuzi nk'Imana, ni Umwuka ukomeye wahozeho igihe cyose (ntagira itangiriro, ntagira n'iherezo), Yahozeho. Kandi muri Yo harimo imico: harimo ibiranga kuba Imana, hanyuma ibiranga kuba Data, ibiranga kuba Umwana, ibiranga kuba Umukiza, ibiranga kuba Umukiza. Iyi myitwarire yose yari muri Yo. Noneho Yo. . .Ibi bintu byagaragaye kuva icyo gihe ni imico yayo gusa yigaragaza.

10 Icyo nshaka kuvuga, *imyitwarire,* byari Ibyayo "bitekerezo." Kandi i—i *ijambo* ni "igitekerezo cyagaragajwe." Ubwo ibyo byari mubitekerezo Byayo. Kandi igihe yavugaga ngo: "Reka habeho," kandi bikabaho. "Reka habeho," kandi bikabaho.

11 Noneho ubu, mwibuke, mwebwe Bakristu mwari ibitekerezo Byayo mbere y'uko isi ibaho. Kandi muri ukwigaragaza kw'ibitekerezo Byayo. Mbere y'uko isi ibaho, mwari muri Kristo, (amina) mu ntangiriro mwari mu Mana. Ibyo bituma, icyo gihe, urabona, muba ibyitiriro Byayo. Kandi ibintu byose ni Imana, ubwayo, Yo ubwayo yigira umubiri ufatika kugirango Ishobore kwitabwaho, kugaragara, na—n'ibindi. Rero icyo ni cyo Imana iri cyo, ni byose.

12 Noneho abantu baravuga bati: "Ubusobanuro . . . " Vuba aha nari ndimo kuvuga mu nama, umugabo arambwira, aravuga ati: "Mwene Data Branham, ufite ubusobanuro butari bwo. Ibyo usobanura ntabwo ari byo."

13 Noneho, turumva . . .Bajya ku bametodisite, nuko bakavuga bati: "Ababatisita ntibasobanura neza." Ababatisita nabo bakavuga bati: "Abapentekote ntibababikora." Abapentekote bakavuga bati: "Abemera Imana I—Imwe ntibababikora." Abemera Imana imwe baravuga bati: "Abo mu ikoraniro ntibababikora." Kandi buri wese avuga undi ntabikora.

14 Imana ni Umusobanuzi w'ibyayo bwite! Ntikeneye umuntu uwo ari we wese wo kuyisobanurira. Ikora ibisobanuro byayo bwite. Ninde muntu ushobora gusobanura Imana? Imana ni Umusobanuzi wayo bwite.

15 Noneho, Petero avuga hano ko, dusanga mu ntangiriro igihe Imana yavugaga iti: "Reka umucyo ubeho," nuko umucyo ubaho, ibyo ni byo bisobanuro kuri byo. Iyo Imana ivuze ikintu cyose kandi kigasohora, ubwo ni bwo busobanuro bw'Imana ko Ijambo ryayo ari ukuri. Murareba? Ubwo yavugaga iti: "Reka umucyo ubeho," ibyo byari mubitekerezo byayo mbere yuko habaho ikintu gisa nk'umucyo. Ubwo yavugaga iti:"Reka habeho umucyo," umucyo wahise waduka mu kirere, ibyo ni byo bisobanuro. Ntamuntu ugomba kubisobanura, kuko Imana yabivuze kandi bikabaho. Iyo Imana ivuze kandi bigasohora, ubwo ni bwo busobanuro bw'Ijambo ryayo. Kuki abagabo badashobora kubona ibyo? Kuki abantu batabibona?

16 Iyo Imana itanze isezerano kandi Imana iravuga. . . Mu—mu ntangiriro, mu Itangiriro, Yatanze Ijambo Ryayo kuri buri gisekuruza nkuko rimanuka kuva mu ntangiriro kugeza ku iherezo. Kandi, binyuriye muri ibi bisekuruza, itorero ryanyuzemo rimaze kubona ibyo bintu byose bivanze n'imigenzo, n'ibindi, kandi Imana ihora yohereza ku mugaragaro, ikoresheje Isezerano rya Kera n'Isezerano Rishya, abahanuzi! Kandi Ijambo ry'Uwiteka riza ku muhanuzi. Nuko ibigenza ite? Yerekana Ijambo ry'Imana. Ukwigaragaza kw'Imana, kuvuga niba ari byiza cyangwa bibi. Ntamuntu ugomba kubisobanura, Ijambo ririsobanura ubwaryo. Imana yarabisezeranije kandi ni ko bigenda!

17 Byaba bimaze iki kugira ikindi ubivugaho? Ni inde munyabyaha wagerageza kuvuga (mu gihe Imana yatanze isezerano kandi Imana ikaba irisihoje) ko ibyo bisobanuro atari byo? Ngiyo Imana ubwayo itanga ibisobanuro byayo, igasobanura. Ntikeneye umuntu uwo ari we wese ngo amusobanure, Yisobanura ubwayo Igaragaza ibyo Yasezeranije ko Izakora.

18 Yoo, iyaba itorero ryashoboraga kubona ibyo gusa no kubona amasezerano yatanzwe kuri buri gisekuruza! Ibindi bihe byose, Imana yohereje ku mugaragaro(ndetse no mu bihe birindwi by'itorero) kandi yerekanye ibyo yasezeranije gukora byose. Byose, nta kintu na kimwe cyasigaye kidakozwe. Ni ukuri! Ibyo yavuze ko izakora, yarabikoze.

19 Kuberako igihe Imana yabivuze, dusubire inyuma hariya muri Yesaya, Yaravuze iti: "Umwari azasama inda," Irabikora. Noneho, ninde—Ninde ushobora kubisobanura? Imana yatanze ibisobanuro. Yaravuze iti: "Umwari izasama," nuko asama inda. Noneho, uri iki. . . ntushobora. . . Nta kintu na kimwe gishobora kuvugwa kuri ibyo, kuko Imana yavuze ko izabikora kandi yarabikoze. Ariko itorero ryari impumyi cyane kuburyo ritabibona. Reba, bari bafite igitekerezo cyabo bwite. Niko byari bi—bitandukanye cyane n'ibyo bari biteze.

20 Petero hano yavugaga inyuma, ati: "Imana yerekanye Kristo kubw'Ijambo ryayo, Yaravuze iti: 'Uyu ni Umwana wanjye nkunda.'" Abo bizera bari bahagaze aho. Kandi Kristo yari ukwigaragaza kw'Imana. Buri gihe igaragariza Kristo kubw'Ijambo Ryayo, kuko Kristo ari Jambo. We yigaragaza buri gihe.

21 Ubwo yavugaga ngo. . . Mu gihe cya Nowa, Kristo yari muri Nowa. Urabyizera? Nowa yaravuze ati: "Imvura igiye kugwa. Hazabaho imvura, isi izarimbuka." Imvura yaraguye. Ibyo ntibyari bikeneye ibisobanuro. Imvura yaraguye kuko Imana, muri Nowa, yari yavuze iti: "Igiye kugwa." Yari umuhanuzi, kandi ikimenyetso ni uko ibyo yavuze byasohoye. Ntibakeneye rero kubisobanura.

22 Bamwe muri bo bari bari, hafi aho, baravuze bati: "Uyu mugabo ntazi ibyo avuga."

23 Ariko Imana yamye itanga isezerano, "Niba muri mwe hari umwe muri mwe ufite iby'umwuka, cyangwa umuhanuzi, kandi n'avuga ibintu bigasohora, noneho ubitege amatwi." Ni byo, kuko ari ukuri. Bigomba kuba bihuye n'Ijambo. Kandi Nowa yari ahuje n'Ijambo. Ubwo yahanuraga ko imvura izagwa, kandi koko imvura yaraguye. Ibyo ntibyari bikeneye ibisobanuro kuri ibyo, kuko ari ko byagenze.

24 Yesaya yaravuze ati: "Umwari azasama inda," kandi koko arasama. Noneho, ibyo byari biteye ubwoba bidasanzwe. Kuberako, reba, hashize imyaka amagana mbere yuko Uyu mwari atwita.

25 Ntibyari bisanzwe kugeza igihe umuntu mwiza witwa Yozefu, umugabo we, "umugabo ukiranuka kandi ntabwo yashakaga kumushyira ku karubanda . . ." Uwo mugabo mwiza wo muri iyo minsi, ni gute byari kugendekera Yosefu ubwo yiyemezaga gushakana na Mariya.

26 Yarashyingiwe. Kuri uwo munsi, guhagarika ibyo, byari kimwe no gusambana. Kandi byumvikane ko kuri Yosefu, byasaga nkaho Mariya yari abifitemo uruhare kugirango abihagarike, cyangwa kumugira ingabo ikingira amakosa ye, kubera ko hano yasanze ari umubyeyi, atarubatse, yararambagijwe gusa. Amayeri nkayo, yashoboraga gutuma aterwa amabuye kugeza apfuye; ni ko byari kugenda, kubw'amategeko.

27 Kandi Yozefu, umugabo we, yari umuntu w'umukiranutsi, umuntu utabera cyane. Yizeraga Imana. Kandi ubwo yaramwitegereje n'amaso meza, y'urukundo, yoroshye, maze aravuga ati: "Yosefu, Gaburiyeli Marayika mukuru yaransuye ambwira ko ngiye gusama inda, nta mugabo n'umwe nzi."

28 Noneho, iyo Yosefu aza kureba inyuma mu byanditswe Byera, umuhanuzi yari yara vuze ko azabikora! Imana yonyine ni yo yasobanuye Ijambo Ryayo! Murareba? Ariko byari ibidasanzwe.

29 Ni cyo kibazo mu myaka iyo ari yo yose. Ijambo ry'Imana ni irinyamahanga ku bantu; Ntirisanzwe. Imana ihora ikora ibidasanzwe. Ntibisanzwe ahantu hose Imana iri. Birwanya gahunda y'isi, kubera ko babona ibintu nkuko bibwira. Ariko Imana irinjira igakora ibintu bidasanzwe.

30 "Ni gute uyu mwari yasama inda?" Yari inyangamugayo, yashakishije Imana kuri iyo ngingo.

31 Hanyuma Imana ivugana na we mu nzozi, iravuga iti: "Yozefu, mwene Dawidi, ntutinye kugutwara Mariya umugore wawe, kuko ibyatekerejweho ari iby'Umwuka Wera. Imana yamutwikiriye. Iki ni cyo cyakozwe."

32 Wigeze ubona uburyo Imana yakoranye na Yozefu hariya? Mu buryo bwa kabiri, mu buryo bw'inzozi. Noneho, tuzi ko hari inzozi, twemera inzozi. Nizera inzozi. Uko biri . . . Imana yahoraga ikorana n'abantu mu nzozi. Ariko inzozi ni ubwa kabiri, reba, zishobora kuba zo cyangwa atari zo keretse zisobanuwe. Ariko nta bisobanuro na bimwe yari akeneye. Yari Imana ubwayo yavuganaga na Yozefu mu buryo butaziguye, kuko nta muhanuzi wabaga mu gihugu muri iyo iminsi wo gusobanura. Hari hashize imyaka magana ane hatariho umuhanuzi. Icyakurikiyeho rero cyiza, nuko Imana yitaye ku mibereho, igiciro by'Umwana wayo Bwite, yavuganaga na Yosefu binyuze mu nzozi kandi nta bisobanuro. Yaravuze iti: "Umugore afite ukuri. Icyo kintu Cyera cyatekerejwe muri we ni Umwana w'Imana." Ntabwo bikeneye ibisobanuro.

33 Imana ikora ibyayo bisobanura ku mitima yubaha, itaryarya. Abagabo n'abagore bareba ku—ku kintu cy'ubwiru, niba uri inyangamugayo kandi utaryarya kandi uzizera, Imana ifite uburyo bwo kugusobanurira. Ubwa mbere, banza umenye niba ari isezerano. Niba Yosefu yari yarasubiye inyuma akava mu migenzo agasubira muri Bibiliya, ukabimenya, Yesaya yavuze ko Mariya agiye kubikora.

34 Kandi ibintu byavuzwe, n'ivuka rye, n'ibindi byose byavuzwe n'Ibyanditswe, "n'abahanuzi bera," nk'uko Petero yabivuze. Kandi nta mugabo ufite uburenganzira bwo gushyira ibisobanuro byihariye kuri ibyo. Ni byo rwose ibyo Imana yavuze bizasohora. Yari ukugaragara kw'Ijambo ry'Imana ryasezeranijwe kuri uriya munsi. Imana yarabivuze, nuko birasohora. Cyarabisohoje.

35 Yesu yaravuze . . . Ubwo yari ku isi, ubwo batashoboraga kumva umurimo we, byari bikomeye cyane, bitangaje cyane, (ntibashoboraga), mu buryo budasanzwe, ahubwo. Ntibashoboraga kumwumva. Yaravuze ati: "Shakisha Ibyanditswe!" (Nizere ko ntari kubica amatwi aho hirya, biravuga bituragurika.) "Mushakisha Ibyanditswe, kuko muri byo mutekereza ko mufite Ubugingo buhoraho, kandi ni byo bimpamya." Murareba? "Ni byo bibabwira uwo ndi We."

36 Reba, Imana yagabanije Ijambo. Uwo munsi wagombaga kuba uwo kwigaragaza kw'Imana, Imana (Emanweli) hamwe natwe, "Izina rye rizitwa Igitangaza, Umujyanama, Umwami w'amahoro, Imana ikomeye, Data wa twese uhoraho. Izina rye rizitwa *Emanweli*, 'Imana iri kumwe natwe.'" Imana yari muri Dawidi. Imana yari muri Mose. Mana . . . Iyo ni yo Mana mu buryo bwose, yigaragaza ubwayo mu gisekuruza. Ariko iki gisekuruza, "Umwari azasama kandi azabyara Umwana, kandi azaba Imana iri hamwe natwe."

37 Ni cyo cyatumye bamubamba k'umusaraba ngo, yigira Imana, kandi ngo yica Isabato. Yari—Yari Imana iri hejuru

y'Isabato, kandi yari Imana. Kandi ntabwo yari umuntu usanzwe cyangwa umuhanuzi usanzwe (nyamara yari Umuntu usanzwe akaba n'umuhanuzi), ariko yari Imana-Ntumwa. Kandi yari uwo gusohoza Ijambo, neza ni byo Imana yavuze ko azakora. Ati: "Ninde muri mwe ushobora kuncira urubanza? Ni mugenzure Ibyanditswe! Muri byo mutekereza ko mufite Ubugingo buhoraho, kandi ni byo bimpamya." Ariko imigenzo yabo, babayeho mu mucyo w'ikindi gisekuruza.

38 Ubwo nabwirizaga mu byumweru bike bishize,"*Kubaho mu mucyo*." Imirasire y'izuba ni "igishushanyo," izuba riba ryigaragaza ubwaryo, kandi atari ryo ry'ukuri. Kandi buri mirasire yose y'ikindi gisekuru, iba igaragaza ikitari ukuri. Abantu buri gihe bagenda mu bintu byabayeho mu myaka yashize. Abaluteriyani bagenda mu mucyo w'Abaluteriyani. Imirasire y'izuba ya Luther yari myiza mu gihe cye; Wesley yari mwiza mu gihe cye; pentekote yari nziza mugihe cyayo. Dufashe indi ntera, tubayeho mu kindi gisekuruza! Turakomeje, turakataje, ntidushobora gukomeza kureba inyuma.

39 Iyo twishakiye mu bintu, twibwira ko byose byakozwe, tubona imigenzo yacu; kandi ibyo byari byiza kuri urya munsi, ariko turakomeje! Shakisha mu Byanditswe urebe ibyasezeranijwe uyu munsi, nibwo tuzamenya aho tugeze, hanyuma dushobore kumenya n'aho duhagaze.

40 Luther; ushobora kureba mu Byanditswe ukareba muri—muri kiriya gisekuruza cy'i Sarudi, ushobora kubonamo neza ibyasezeranijwe. Reba ukuntu yagendeye hanze, reba uko byaje kumugendekera, neza,"amayeri y'umuntu," ivugurura. Reba Wesley, n'ibindi n'ibindi. Nkuko biza mu gisekuruza cya pentekote, no munsi y'iyo myaka, reba uko bigenda. Reba Ibyanditswe urebe aho turi. Ni yo mpamvu Yesu yavuze ati: "Mushakishe mu Byanditswe!"

41 Reba aho turi! Nizera ko turi mu gihe cyo Kuza k'Umwana w'Imana muri iki gihe. Nizera ko turi mu myaka ya—y'isaha nyine ashobora kugaragara igihe icyo ari cyo cyose. Nizera ko Ibyanditswe bitangaza ko, ko turi mu masaha yanyuma y'amateka y'isi. Ndashobora kubona ibintu uko bihagaze. Reba iyi Nama ya Ekumeniki iyobora amatorero yose muri yo, mu kimenyetso cy'inyamaswa. Kandi urebe Ingoma y'Abaroma n'icyo ikora, n'abandi bose. Reba bahurira hamwe, bazimya Umucyo, bahagarika Ubutumwa bwiza. Umuntu wese agomba kuba muri yo kandi akagendera mu mucyo wabo cyangwa ntagende na gato. Reba, turi mu gihe cya nyuma. Nta kindi dusigaranye uretse gukomera ku Mana no kwizera Ijambo ryayo. Ijambo rihora ari ryiza.

42 Mu gisekuruza cy'itorero rya Lawodikiya, icyo ni cyo gisekuruza cyonyine cy'itorero, mu bindi bisekuruza, aho Kristo yashyizwe hanze y'itorero. Yari hanze, akomanga. Byagenze bite?

Iyi Nama ya Ekumeniki ni yo igiye kumushyira hanze. Bibiliya yavuze ko yagombaga kuba hanze, kandi niho ari. Ihagarika iki? Ijambo. Kandi ni Jambo, Yahoraga ari Ijambo, kandi aracyari Ijambo muri iri joro! Ni Ijambo.

43 Bibiliya yaravuze iti: "Ijambo rirakaze, rikomeye kuruta inkota itemera ahabili," Abaheburayo, igice cya 4, "Igenzura imigambi n'ibitekerezo by'umutima." Ijambo ryari! Bagomba kumenya uwo ari we igihe Yesu yavugaga muri iyo minsi.

44 Reba ibyo yakoze. Umunsi umwe, yari ahagaze aho, ubwo yari atangiye umurimo we. Hariho umugabo waje amusanga, witwa Simoni, Simoni Petero. Igihe Petero yamwitegerezaga nuko—nuko aramubona, Yesu aramubwira ati: "Witwa Simoni kandi uri mwene Yona." (Yari akwiye kumenya ko Mose yavuze ati: "Uwiteka Imana yawe izahagurutsa Umuhanuzi umeze nkanjye, kandi ugomba kumwumva.") Kandi uyu Umugabo uri hano ntiyari yarigeze amubona mu buzima Bwe, ati: "Witwa Simoni kandi uri mwene Yona." Kubera iki, yari azi ako kanya ko ibyo bitakiriho. . . Ntabwo bari bamaze imyaka amagana bafite umuhanuzi, nuko hano agiye kubona abona Umugabo umubwira uwo ari we. Ntibitangaje kubona yarashoboraga kubyakira!

45 Filipo, icyo gihe, yagiye kandi a—asanga Natanayeli munsi y'igiti, amugarura kuri Yesu. Yesu yaravuze ati: "Dore Umwisiraheli udafite uburyarya."

Aravuga ati: "Rabi, Wigeze umenya ryari?"

46 Aravuga ati: "Mbere yuko Filipo aguhamagara, igihe wari munsi y'igiti, nakubonye."

47 Aravuga ati: "Rabi, uri Umwana w'Imana! Uri Umwami wa Isiraheli." Yari azi ko ari byo? Ntabwo byari bikenewe ibisobanuro, Yehova yari yabivuze!

48 Aho hari abari bahari batabyizeye. Baravuga bati, "Uyu mugabo ni Belizebuli. Afite—Afite amayeri runaka arimo gukurura. We—Ni umupfumu, cyangwa ikindi kintu nk'icyo."

49 Yesu arabareba, aravuga ati: "Kuki, ibyo muvugira kurwanya Umwana w'umuntu, bizababababarirwa. Ariko Umwuka Wera naza gukora nk'ibi, kuvuga Umurwanya, ntabwo bizigera bibababarirwa, kuri iyi si cyangwa isi izaza." Yahanuye iby'umunsi wacu, umunsi tugomba kubona. Kuberako ari wawundi ejo, n'uyu munsi, n'iteka ryose.

Wibuke ko Yesu Kristo ari muri Mose.

50 Yesu Kristo ni we wari muri Dawidi. Igihe Dawidi mwene. . . Dawidi azamuka umusozi, umwami wanzwe, aririra Yerusalemu, ibyo nta kindi uretse Kristo muri we. Nyuma y'imyaka hafi magana inani, Mwene Dawidi yashinze umusozi wa Elayono nuko yitegereza Yerusalemu maze ararira, ati: "Yerusalemu, Yerusalemu, ni kangahe nakubundikiye nkuko inkoko ibundikira imishwi yayo, ariko ntiwumve!"

51 Igihe Yozefu yari muri gereza, uwo yari Yesu. Igihe yagurishijwe hafi ifeza mirongo itatu, uwo yari Yesu. Amaze kugirwa umuntu wa Potifari, uwo yari Yesu. Igihe yicazwaga iburyo bwa Farawo. Kandi amaze kugenda, abantu bose... impanda zaravuze, kandi abantu bose bagombaga kunama, uwo yari Yesu. Nta muntu washoboraga kugera kuri Farawo cyeretse anyuze—anyuze kuri Yozefu; nta muntu ushobora kugera ku Mana, atanyuze kuri Yesu wenyine. Yari Yesu, Ijambo ryahanuwe ryarimo gusohozwa, yavugiraga mu gicucu n'ingero.

52 Igihe Yesu yari hano ku isi, yakoze nk'ibyo abahanuzi bakoze, ni yo mpamvu bamenye ko ari Imana igaragaza Ijambo ryayo. Ntabwo byari bikenewe gusobanurwa.

53 Nathanael abibonye, yikubita hasi aravuga ati: "Uri Umwami wa Isiraheli, Umwana w'Imana, Umwami wa Isiraheli. Turakuzi, nta muntu washobora gukora ibi."

54 Nikodemu yaje nijoro, avuga kimwe n'Abafarisayo. Ariko, urabona, bahujwe n'Inama yabo y'Impuzamadini ku buryo batashoboraga kubyemera. Yagaragaje ibyo bavuze, yaravuze ati: "Rabbi, twe..." Ni inde "twebwe"? Inama yabo! "Turabizi ko uri umwigisha ukomoka ku Mana, 'kubera ko nta muntu n'umwe washobora gukora ibi bintu 'cyeretse Imana iri kumwe na We." Barabimenye, bari bazi ko ari byo, ariko barabifatanije cyane.

55 Kandi Imana, mu myaka mirongo ine ishize, yazunguje iri shyanga ikoresheje umubatizo w'Umwuka Wera, kandi abagabo n'abagore baracyari hanze yabyo kuko bazungurijwe mu kintu kimwe, babaho mu mucyo w'undi munsi. Ikibazo ni ikihe? Umuntu wese arashaka kuba Metodisite, Batisita, Peresibiteriyeni, Lutheriyani, cyangwa ikindi kintu. Reba, ni umucyo.

56 Babaga mu mucyo wo mu gihe cya Mose. Yavuze iki? Yaravuze...Baravuze bati: "Turi abigishwa ba Mose."

57 Yaravuze ati: "Iyo uza kumenya Mose, nanjye wari kumenya. Mose yanyanditseho!"

58 Niba wari uzi Luther, wari kumenya iki gisekuru! Niba wari uzi Metodisite, wari kumenya iki gisekuru! Kubera ko Kristo yanditse kuri iki gisekuru! Amagambo arimo gusohora agomba gusohora muri iki gisekuru. Ntabwo bikeneye umuntu ubisobanura, Imana ni yo itanga ubusobanuro bwayo. Imana irisobanura yo ubwayo, kuko ni Yo yonyine ishobora kubisobanura. Amasezerano y'Imana ahora yemeza ibyo Yavuze, kandi ni bwo busobanuro.

59 Noneho, Yesu, (kugirango ducungure igihe), Yesu yaravuze, muri Mutagatifu Yohani, igice cya 14, umurongo wa 12, "Unyizera, imirimo nkora nawe azayikora." Yarabivuze? Ni byo. Ibyo ntibikeneye ubundi busobanuro. Iyo umuntu akoze ako kazi, iyo ni Imana. Rwose!

60 Yavuze kandi aho ko, “Nkuko byari bimeze mu gihe cya Loti, ni ko bizagenda no mu gihe cyo kuza k’Umwana w’umuntu.” Yesu yarabivuze. Yarabivuze? Rwose, yarabivuze! Ibyo ntibikeneye gusobanurwa.

Baravuze bati: “Nibyo . . . ”

61 Byasobanuraga neza ibyo yavuze! “Nkuko byari bimeze mu gihe cya Loti, ni ko bizagenda no mu gihe cyo kuza k’Umwana w’umuntu.” Byari bimeze bite mu minsi ya Loti? Reka dusubire inyuma akanya gato, tumenye icyo bakoraga.

62 Hariho ibyiciro bitatu by’abantu mu gihe cya Loti: abizera by’ukuri, abizera-by’igice n’abatizera. Ibyo biri mu bantu benshi, ikintu kimwe.

Tumenye ko Ab’i sodomu bari abatizera.

Loti yari umwizera w’igice.

63 Aburahamu yari umwizera w’ukuri. Ni we amasezerano yemejweho. Ni we washakaga umuhungu wasezeranijwe. Ni we wari ubyiteze. Amina. (Ntabwo “niyikiriza” njyewe ubwanjye. *Amina* bisobanura ngo “Bibe bityo!”) Kandi ni byo. Aburahamu ntabwo yari muri Sodomu. Aburahamu yari hejuru kandi hanze ya Sodomu. Ashushanya itorero Itorero ry’Umwuka muri iki gihe.

64 Loti ni ubwoko bw’itorero ry’amadini hepfo iyo muri Sodomu. Reba, Bibiliya yavuze ko, “Ibyaha bya Sodomu byababaje umutima we ukiranuka buri munsi.” Kuki atari afite ubwoba buhagije bwo guhangana na yo? Hano hari umugabo mwiza wicaye mu rusengero uyu munsi, kureba hanze ukabona abagore bambaye ikabutura n’umugabo bakora ibi bintu, n’abanyamuryango babo bakagenda, bakina Golf ku cyumweru, n’ibirori bya picnic, no koga n’ibindi, aho kujya mu rusengero. Kwicara mu rugo n’ijoro ryo kuwa gatatu, kureba televiziyo, aho kujya mu rusengero. Bumva bashaka kugira icyo babivugaho, ariko inama yabashyira hanze. Ikibazo ni ikihe? Ni Loti na none, urungurukira hanze mw’idirishya rye akabona icyaha, agatinya kwita icyaha “icyaha”!

65 Aburahamu ntabwo yari mu kajagari kabo, yari yaragasohotsemo. Yari ubwoko bw’Itorero ryo mu mwuka. Noneho reba ibyabaye mu gihe cya nyuma, mbere y’uko umuriro umanuka. Kandi abo bari Abanyamahanga. Byashushanyaga umuriro umanukira kw’isi y’abanyamahanga muri iki gihe, ubwo ubwami buzasenyuka kandi buzatwikwa. “Amajuru azaka umuriro,” Uwiteka aravuga ati: “kandi bazatwikwa n’ubushyuhe bukabije.” Icyo cyari igicucu cyabyo.

66 Noneho reka tubashushanye. Dore Aburahamu yamaze gusohoka, ntabwo ari muri Sodomu, yari avuye i Sodomu. Loti yari akiri i Sodomu.

67 Ikintu kidasanzwe, mu gitondo kimwe gishyushye, bishobora kuba hari nko mu ma saa kumi n'imwe, yabonye abagabo batatu baza, abagabo basanzwe, bigendera mu muhanda, mu nzira. Aburahamu yari yicaye munsi y'igiti, aruhuka. Yari yasohotse, birashoboka ko yari yibereye mu mashyo ye muri icyo gitondo, arinjira, hafi ya saa sita. Abona abagabo batatu baza bamusanga. Aho hari hari ikintu cyerekeranye n'abo bagabo, ko, bavuzaga inzogera. Oh, mbega!

68 Hariho n'ikintu cyerekeranye n'Imana, iyo Kije mu bantu, Kivuza inzogera. Barabimenya. Hariho ikintu runaka kibibabwira, hano hari ukurenganurwa.

69 Aburahamu yahise yiruka vuba, aravuga ati: "Mwami wanjye, ngwino unyemerere nzane amazi make, nyavome uzane maze nkoze ibirenge, kandi nguhe umugati wuzuye, hanyuma wikomereze, mu urugendo rwawe." Nuko arahindukira. Yirukiye mu bushyo bwe abona ikimasa kikiri gito aracyica, asaba umugaragu kugitunganya. Yagiye mu ihema, hepfo ye, maze ategeka Sara gufunyanga ifu, gukora, cyangwa gutegura ifunguro, gushyira umugati, ndetse n'udutsima turyohera ku ziko. Yarabizanye maze abitegura ku meza. Igihe bari bicaye, barya, batangira kubona, uyu Mugabo wakomeje kureba yerekeza amaso kuri Sodomu. Nuko aravuga . . .

70 Babiri muri bo, uribuka, bamanutse muri Sodomu. Babiri bagiye i Sodomu. Nyamuneka ntucikwe. Ndashaka kuvuga ku byo Yesu yavuze. Babiri muri bo bagiye i Sodomu kuzana Loti n'ibyari byiteguye gusohorwamo. Nuko babiri muri bo bamanukirayo, bamanukirayo barabwiriza. (Kandi hariho Umwe wagumanye na Aburahamu. Reba ikimenyetso Yakoze.) Bahabonye ikimenyetso, hari . . . Abasodomu bahindutse impumyi. Kubwiriza Ubutumwa Bwiza buri gihe bihumisha amaso y'abatizera. Kandi urebe icyabiteye.

71 Noneho, hano Umwe uhagaze hano inyuma akora ikimenyetso imbere ya Aburahamu.

72 Noneho, wigeze ubibona? Umunyamateka wese, akurikira Ibyanditswe, akurikira amateka, nta gihe na kimwe cyigeze kibaho mu bihe by'itorero aho umuntu yigeze ajya mu matorero yubatse izina kw'isi, hanze aho mu madini, nta muntu wigeze abaho ufite izina nk'irya Aburahamu, h-a-m, mbere. Ariko uyu munsi babonye umwe, G-r-a-h-a-m. Ni byo. Kumanuka hariya, akabahamagara. Arimo gukora akazi keza ku bw'ibyo. Graham, Billy Graham, umugaragu w'Imana hanze aha mu madini, abanyapolitiki, n'ibindi, arabasenyagura.

73 Ejobundi ubwo bashakaga ko yiyamamariza kuba Perezida, yarabyanze rwose. Imana, umuhe umugisha kubw'ibyo. Kubera iki, bo ibigo bya whisky, ntabwo yigeze agera ku by'ibanze nkuko byari bimeze. Bakoresheje miriyari y'amadorari, kuko yabaga yarayashyize hanze mu buryo bwose, ayo masosiyete

akora itabi n'ibindi nk'ibyo. Reba, ari hanze nk'intumwa y'Imana kuri Sodomu. Ni ibyo rwose.

74 Ariko wibuke, hariho Umwe wagumye yo hamwe na Aburahamu, undi Muntu, ntabwo ari babiri bamanutse hariya nk'abavugabutumwa bagezweho bamanutse hariya kubwiriza. Menya ko, hari ho Umwe wagumyeyo. Naho babiri bamanuka *hariya*, Umwe aguma *hano* ari kumwe na Aburahamu. Kandi Uwagumanye na Aburahamu amuha ikimenyetso.

75 Noneho reba, izina rye ryari "Aburamu" n'umugore we yari "Sarayi." Umunsi umwe cyangwa ibiri gusa mbere y'ibyo, Imana yari yamubonekeye iramubwira iti: "Ndimo guhindura izina ryawe kuva kuri Aburamu nkitwa Aburahamu." (Reba, G-r-a-h-a-m ni inyuguti esheshatu, umuntu.) Ariko A-b-r-a-h-a-m ni inyuguti ndwi, zirindwi; h-a-m, irangirana na h-a-m.

76 Noneho, hano mu Itorero mu mwuka, hari ho Umwe hejuru ya Aburahamu, maze rero urebe ibyo yavuze. Yaravuze ati: "Aburahamu," (ntabwo ari "Aburamu") "Aburahamu, umugore wawe ari he" (ntabwo ari "S-a-r-r-a") "S-a-r-a-h? Umugore wawe Sara ari he?"

77 Reba uko yavuze ati: "Ari mu ihema inyuma yawe."

78 Na we ati: "Nzakugenderera. Ngiye kuzagusura." Reba iryo zina bwite, iryo Ari ryo, ukurikije amasezerano yari yarasezeranye. Iyo yari Imana! Yaravuze iti: "Ngiye kukugenderera."

79 Na Sara, (mu buryo twese twabyumva) yasetse yara amaboko, wenyine, yaravuze ati: "Njye, umukecuru, w'imyaka ijana, mutware wanjye" (ari we wari Aburahamu) "ushaje, igihe cy'ubuzima bw'ibyo cyarashize nk'abantu bakiri bato." Ati: "Kubera iki, ntitwashobora kugira ibinezeza nk'ibyo, ndashaje kandi arashaje." Ati: "Ntabwo twashobora kugira ibyo." Ati: "Nigute? Ibi bintu ntibishoboka!"

80 Kandi—Umugabo (Imana mu mubiri w'umuntu) ati: "Kuki Sara yasetse kandi agashidikanya, avuga ibi bintu?" Mu ihema, inyuma ye.

81 Noneho reba, niba ibyo atari nka wa murimo umwe Yesu Kristo yari afite! Yarebye abari aho maze abona ibitekerezo byabo. Yabwiye Petero uwo ari we n'izina rya se. Abwira Natanayeli.

82 Abwira umugore wari ku iriba, ubwo yavugaga ngo . . . Yaravuze ati: "Genda umpe icyo kunywa," cyangwa "Nzanira icyo kunywa."

83 Yaravuze ati: "Databuja, ntibisanzwe ko Muganira . . . mwebwe abayahudi muganira nabasamariya. Ntabwo dufitanye umubano."

84 Yavuze ati: "Ariko iyaba wari uzi uwo ubwira, wari kunsaba icyo kunywa." Ikiganiro cyarakomeje. Yaravuze ati: "Genda unzanire umugabo wawe hano."

Yaravuze ati: "Nta mugabo mfite."

Yaravuze ari: "Wavuze neza, kuko ufite bitanu."

Yaravuze ati: "Databuja!"

85 Reba itandukaniro riri hagati y'ibyo na bo—na bo abatambyi b'icyo gihe, iyo nama igendera mu mu cyo w'undi munsi. Baravuga bati: "Iyi ni satani!" Bagomba kugira ikintu runaka basubiza itorero ryabo, kubera ko ari cyo bisaba.

86 Ariko se uyu mugore muto w'umukene, uwo Imbuto y'ugutoranywa iri k'umutima . . . Yari arwaye kandi arambiwe ibyo bintu, yagiye mu mihanda nk'indaya. Ariko ubwo yabibonaga, aravuga ati: "Databuja, ndabona ko Uri Umuhanuzi. Ntawe twigeze mu myaka magana ane, kandi tubwirwa ko Mesiya naza ibi bintu ari byo azakora." Oh, ngire nte! Urwo rubuto rwari aho rutaruka rusanga ubuzima! Kubera iki? Ntabwo rwari rukeneye gusobanurirwa.

87 Yesu yaravuze ati: "Ninjye uvugana na We." Ibyo ntibyari bikenewe gusobanurwa. Yakoze igitangaza kandi yari yarahamije ko Ari Mesiya, amina, kandi yanditse amateka neza y'ibyo Imana yari yarasezeranije ("Uwiteka Imana yawe izazamura umuhanuzi nkanjye," ariko Mose avuga). Ni iki? Ugusohora kw'Ibyanditswe!

88 Yiruka mu mujyi hose, ati: "Muze, maze murebe murebe Umugabo Wambwiye ibintu nakoze. Uyu si we Kristo nyine? Mbese uyu si we? Yambwiye ibyo nakoze."

89 Noneho reba, Yesu, uwo yari We haruguru hariya ari muri uwo Muntu ibyo byatumye ahindukiza umugongo awutera ihema maze abwira Sara icyo yari arimo gutekereza ari imbere mu ihema.

90 Ijambo ry'Imana rivuga, mu Baheburayo, igice cya 4, ko . . . Rivuga ibi, "Ijambo ry'Imana rirakomeye kandi rityaye kuruta inkota itemera ahabiri, gukeba kugeza ku ruti rw'amagufa, no kugenzura ibitekerezo byihishe ku ndiba y'umutima." Ni Ijambo! Kandi igihe cyose iyo umuhanuzi aje, azana Ijambo. Kandi yari Ijambo muri icyo gihe. Nonese yakoze iki? Umuhanuzi Watahuye ibitekerezo byari mu mutima.

91 Yabikoreye muri Yesu Kristo kuko yari yuzuye Ijambo.

92 Yesu ati: "Nkuko byari bimeze mu gihe cya Sodomu, ni ko bizagenda no mu gihe cyo kugaruka k'Umwana w'umuntu." Umwuka w'Imana yazaga ku isi mu buryo bw'abantu, Imana yigaragarije mu mubiri w'abantu (Amina! Urabibona?), Kandi izakora ikintu kimwe Imana yakoze iri mu mubiri w'abantu i Sodomu. Wibuke ko bari bategereje umuhungu wasezeranijwe. Kandi, nyuma y'ibyo, umuhungu wasezeranijwe araza. Ni

cyo cyari ikimenyetso cya nyuma Sodomu, huum, itsinda rya Aburahamu ryabonye mbere yuko umuhungu wasezeranijwe aza. Mbese ibyo wari ubizi? Noneho Itorero ry'umwuka ryageze muri ibyo bihe.

93 Umuntu umwe yaravuze ati: "Mwene Data Branham, wavuze ko 'iyo yari Imana'?"

94 Bibiliya yaravuze ko, yari Imana! Ntabwo bikeneye gusobanurwa. Ni Elohim. Uko ni ko Aburahamu yamwise. Umusomyi wa Bibiliya wese arabizi. *Elohim,* "Uwihagije muri byose." Yabaye Uwa mbere, Aba n'uwa nyuma; Intangiriro, n'iherezo. Elohim! Aburahamu yamuhamagaye "Elohim." *Imana*, mu nyuguti nkuru, mu giheburayo, *Elohim*; nko, "Mu ntangiriro Imana," Elohim.

95 Yari Elohim yagaragaye mu mubiri w'abantu, yambaye imyenda y'abantu, arya ibiryo by'abantu. Amina! Ikimenyetso cyerekana ko mu minsi yimperuka ko Imana izongera kugaragara mu bantu bayo mu mubiri w'abantu! Amina! Yesu yaravuze ati: "Imirimo nkora muzayikora namwe. Nkuko byari bimeze mu gihe cy'i Sodomu, ni ko bizamera mu gihe cyo kuza k'Umwana w'umuntu." Amina! Ibyo ntibikeneye gusobanurwa; bikeneye kwigaragaza, ni cyo bisaba. Amina. Mbese murabyizera?

Reka twunamishe imitwe yacu.

96 Data wa twese wo mu ijuru, tuguhaye isezerano, iri joro, ko wavuze ibi bintu. Wabisezeranyije. Nta muntu n'umwe ushobora gutuma Ijambo ryawe ribaho uretse Wowe. Waravuze uti: "Nihabeho umucyo," ni uko umucyo ubaho. Nta muntu ugomba gusobanura ibyo, byaragaragaye.

97 Nkuko twabivuze muri Yesaya, umuhanuzi ngo,"Umwari azasama inda," yarabikoze; ntakeneye kwigaragaza, yarabikoze. Ni byo byabaye.

98 Wavuze ko, Ubwo yaje Yavukiye i Betelehemu, "I Betelehemu, Yudaya. Nturi muto mu batware bose ba Yuda, ba Isiraheli? Ariko muri mwe hazasohoka Umutware w'ubwoko bwanjye."

99 Ibintu Yari gukora, ko yari gutakira k'umusaraba, burya yari gucirwaho iteka, gutoborwa ibirenge n'amaboko ye; "Yakomeretse kubera ibicumuro byacu, kandi yakomeretse kubera ibicumuro byacu; igihano kiduhesha amahoro cyashyizwe kuri We; kubw'imibyimba Ye twarakize."

100 Ukuntu Dawidi yabivuze ati: "Sinzasiga ubugingo bwe ikuzimu, kandi sinzababara ngo Uwera Wanjye abone kubora." Kandi ku munsi wa gatatu, mbere yuko amasaha mirongo irindwi n'abiri atangira ngo umubili we utagire kwangirika, Ijambo ry'Imana riravuga riti: "Azahaguruka." (Bavuze ko ngo bibye umubiri we; baracyabyizera batyo.) Ariko turizera,

Mwami, Ijambo Ryawe! Byaragaragaye. Yesu Kristo yarazutse aravuga ati: "Nzabikora . . . Dore ndi kumwe namwe burigihe, kugeza ku mperuka y'isi."

101 Twizera ko Uri hano muri iri joro. Twizera neza ko uri Yesu Kristo muri iri joro, hano, nkuko wahoze. Kandi Urashaka gusa amaso, amaboko, amaguru, umunwa, ubugingo, imibiri, ushobora gukoresha kugirango wigaragaze. Mana, tweze muri iri joro, twifuza kubona Yesu Kristo muzima ari muri twe. Mureke aze! Icyo gihe bizasohora, nk'inzara y'abo Bagereki baje uwo munsi, maze baravuga bati: "Databuja, twifuza kubona Yesu." Baramubona. Yoo, mbega ukuntu byari bishimishije ubwo bamubonaga!

102 Mana, Uri wa wundi uyu munsi ntuhinduka. Kandi wasezeranije ko turamutse dushonje dushobora kukubona. "Igihe gito, kandi ab'isi ntibazambona" (utizera); "ariko nyamara mwebwe muzambona, kuko nzabana nawe, ndetse nkaba no muri mwe, kugeza ku mperuka y'isi." Turabizi ko uko wari uri ejo ari ko uri, uyu munsi, n'iteka ryose.

103 Mwami, Amagambo yaravuzwe, yaranditswe, none reka bikorwe, kubw'icyubahiro cy'Imana, kwerekana ko Akomeza Ijambo Rye. Amina. Imana ibahe umugisha.

104 Ngiye guhamagara umurongo w'amasengesho. Nizera ko Billy yavuze ko atanga amakarita yo gusengerwa, imwe kugeza ku ijana, cyangwa ikindi kintu nk'icyo. Ntabwo ari hano ubu. Ni . . . Numero y'ikarita y'amasengesho . . . Umuntu arareba inyuma yawe . . . Byaba—byaba umubare na a—n'inyuguti (A, B, C, D, cyangwa . . . ). Niki, A? Ni byiza.

105 Reka tugire A, nimero ya mbere, iya kabiri, iya gatatu, iya kane, iya gatanu. Gusa tangira uhagarare gutya. A, umubare wa mbere, umubare wa kabiri, umubare wa gatatu, umubare wa kane. Kane, ntabwo nabonye ihagaze. Ikarita y'amasengesho nimero ya kane. Umwe, babiri, batatu. Isengesho . . . Birashoboka ko badashobora guhaguruka. Niba badashoboye, umuntu areba ikarita ya mugenzi we, ashobora kuba afite ikarita kandi adashoboye guhaguruka. Byihuse noneho. Hano hari, kane. Gatanu, ikarita y'amasengesho nimero ya gatanu. Ya gatandatu, ya karindwi, ya munani, ya cyenda, ya cumi, ya cumi n'imwe, ya cumi na kabiri. Gusa tangira uzamuke hano nkuko numero yawe yitwa. Umubare wa mbere, ibiri, itatu, tambuka neza muri iyi nzira. Ikarita y'amasengesho nimero ya mbere, ya kabiri, ya gatatu, ya kane, ya gatanu, ya gatandatu, ya karindwi, ya munani, ya cyenda, ya cumi, ya cumi n'umwe, fata umwanya wawe. Cumi na rimwe, cumi na kabiri, cumi na gatatu, cumi na kane, cumi na gatanu, cumi na gatandatu, cumi na karindwi, cumi n'umunani, cumi n'icyenda, makumyabiri, makumyabiri na rimwe, makumyabiri na kabiri, makumyabiri

na batatu, makumyabiri na bane, makumyabiri na gatanu. Hano hari umuntu udashobora . . .

106 Ndabona umusore uri mu kagare k'abamugaye ugarutse hariya. Niba numero yawe yahamagawe, umuhungu, kandi— kandi niba udashobora kubona . . . muraho, fata ukuboko gusa, turabona ko wageze hano. Murareba?

107 Ni bangahe bari hano mudafite ikarita y'amasengesho kandi murwaye? Muzamure ibiganza turebe, aho muri hose. Hano neza, ibyo ni byo, zamura ikiganza cyawe. Urizera? Mugihe barimo kubashyira hamwe, urabyizera, ko uko yari ari ejo ari ko azahora iteka ryose? Ni bangahe? Reba aba bakozi b'Imana; si byo Ibyanditswe bivuga uyu munsi, bavandimwe, ko ari Umutambyi Mukuru ushobora gukorwaho no kumva ubumuga bwacu? Ibyo ni byo? Ni bangahe babyizera, zamura ikiganza cyawe? Ni Umutambyi Mukuru ushobora gukorwaho n'ubumuga bwacu.

108 Noneho niba Bibiliya ivuga iti: "Uko yari ari ejo ni ko azahora iteka ryose," ni bangahe babyizera? None yakora ate uyu munsi? Agomba gukora nk'uko yabikoze ejo. Ni byo? Ari he muri iri joro? Yicaye iburyo bwa Nyiricyubahiro, umubiri we; Umwuka Wera ari hano mu nyubako, kugirango amumenyekanishe.

109 Itegereze, noneho reba. Byagenze bite umunsi umwe ubwo umugore yakoraga inyuma ku mwenda We? Twavuga ko atari afite ikarita yo gusengerwa, ariko akora ku mwambaro We. Nuko amaze gukora ku mwambaro We, Yesu arahindukira ati: "Ni nde wankozeho?"

110 Petero aramucyaha, ati: "Kuberiki, Mwami, gusa ibyo ntabwo byumvikana. Kuberiki, abantu bose bari kugerageza kugukoraho. Kuki uvuga uti: 'Ni nde wankozeho?'"

111 Yaravuze ati: "Ariko ndumva imbaraga imvuyemo." Ni bangahe babizi? *Virtue*, bishatse kuvuga "imbaraga," yamuvuyemo. "Ncitse intege, umuntu yankozeho mu buryo butandukanye." Nuko Arahindukira, yitegereza abamuteze amatwi kugeza Abonye uwo muntu ufite umuyoboro wo kwizera.

112 Abantu bose bamukozagaho amaboko, "Yewe Rabi, turakwemera," n'ibindi nk'ibi.

113 Ariko hariho umuntu wabyizeraga rwose. Amukora ku gishura cye maze yizera ko yakize, kuko yabivuze mu mutima we ko nabikora ari ko bizagenda.

114 Arahindukira, yitegereza abari aho bamuteze amatwi kugeza We amubonye, maze We aravuga ngo . . . yamubwiye ko ikibazo cye cy'amaraso cyahagaze arakira. Ni byo? Noneho, ubwo ni bwo buryo Yabikozemo, imbere y'imbaga y'abamuteze amatwi.

115 Noneho, ndavuga ko Atapfuye, Ari muzima kuri uyu munsi nk'uko yahoze. Kandi Bibiliya iravuga ngo, Yesu aravuga We ubwe ati: "Nkuko byari bimeze mu gihe cy'i Sodomu, ni ko bizamera mu gihe cyo kuza k'Umwana w'umuntu."

116 Noneho reba, uko impano Imana ifite hano yaba imeze kose, hagomba kuboneka umuntu aho, kugirango, nayo, isubize. Bibiliya ivuga ko yagiye mu mujyi, "Hariho ibintu byinshi Atashoboraga gukora kubera kutizera kwabo." Ni byo? Hari ikintu kimwe kuri uyu munsi. Ugomba kumwizera. Ugomba kumwizera gusa. Ni bwo buryo bwonyine ushobora.

117 Umurongo w'amasengesho uriteguye? Noneho, abantu bose bagume hamwe iminota icumi gusa. Ntiwamenya niba nza kunyura hariya, nabonye nka makumyabiri na batanu cyangwa mirongo itatu bahagaze hariya. Ariko ubu, mu murongo wamasengesho, buri wese muri mwebwe hanze mumurongo wamasengesho arabizi ko ntamuzi, kandi ntacyo nkuziho, zamura ukuboko kwawe. Buri wese k'umurongo w'amasengesho.

118 Noneho hanze mu bateze amatwi, ibyo urabizi ko ntacyo nkuziho, zamura ukuboko kwawe. Noneho, rero, dore ibyo ngerageza kuvuga, nshuti, reba. Noneho, ngibi. Aba minisitiri bose hejuru hano ku ruhimbi. Kandi Kristo yatanze iri sezerano. Reba, ryaranditswe. Ryari ryari gushyika? Mu minsi yanyuma, mbere gato y'ukuza kw'Umwami. Ni byo? Bigombaga gusohora icyo gihe.

119 Noneho, iryo ni Ijambo ryahanuwe muri iyi minsi. Ntabwo ari urumuri rwa Luther; ntabwo ari urumuri rwa Wesley; ndetse nta n'ubwo ari umucyo wa pentekote. Yagiye hakurya y'inzira. Noneho, Luther afite uburenganzira; Metodisite ni byiza; Ababatisita ni byiza; bose, Abapantekote, ni byiza. Hano hari ubwoko bwose bwicaye hano iri joro. Ntabwo ari byo—ntabwo ari byo—ntabwo ari abantu ku giti cyabo. Byagenda bite niba . . .

120 Ntushobora na rimwe kubwira Umumetodisite ikintu cyose kijyanye na Luther, Impamvu yemera kwezwa kandi Luther atabyemera. Murareba?

121 Ntushobora kubwira Umupentekote ibyo "kwezwa byose," yabonye ukugarurwa kw'impano. Ntabwo ibyo azabyizera. Oya, afite ibirenze ibyo. Urareba? Kandi icyo ni cyo gisekuruza cya nyuma cy'itorero twari dufite, kandi Bibiliya ivuga ko hatazongera kubaho ikindi gisekuru cy'itorero.

122 Ariko hagomba kubaho igiterane cy'abantu, murareba, turi hano. Noneho, ni mwibuke, ikimenyetso cya nyuma. Turi abantu bashaka Umwana wasezeranijwe? Zamura ikiganza cyawe. Wizera ko uri Imbuto ya Aburahamu kuba uri muri Kristo? Zamura ukuboko kwawe. Noneho, Mbuto ya Aburahamu, akira ikimenyetso cyawe! Ntabwo kiri hanze muri Babiloni, ntabwo

kiri hanze y'isi y'amadini. Kiri hano muri mwebwe, abatari muri ako kajagari ko hanze. Mubyizere!

123 Hano hari umugore, ni umunyamahanga rwose kuri njye, wenda bari mu kigero kimwe. Sinigeze mbona umugore nk'uyu mu buzima bwanjye. Niba narashobora gukiza uriya mugore nabikora, niba arwaye. Ntacyo nzi kuri we. Wabonye azamura ukuboko hashize iminota mike? Si—Sinigeze mubona. Ni umugore gusa uhagaze hariya.

124 Uyu munsi baramanuka hano bazane amakarita yamasengesho, barayavanga yose bayahe abantu. Umwe yabonye numero ya mbere hano, numero icumi yagarutse hariya, umubare cumi na gatanu, umubare karindwi, umubare . . . neza nka gutyo. Bose baravanze, ari imbere yawe, buri munsi. Kandi iyo bahamagaye, bahamagara gusa hirya no hino. Murareba? Kandi, ubungubu, ntugomba no kugira ikarita y'amasengesho, icara gusa wizere. Kuki bidashoboka . . .

125 Ni mutuze muri iri joro, ni mureke tumenye ibihe turimo. Murareba? Noneho, birarangiye, nanone, nshuti. Biri ku musozo!

126 Noneho, niba Imana ya Aburahamu yarazuye Yesu Kristo mu bapfuye, kandi Yesu yasezeranije ko mu minsi y'imperuka hazagaragara bya bimenyetso Aburahamu . . . ko Umumarayika (wari Imana mu mubiri w'abantu) yakoze mbere ya Aburahamu, mbere yuko umwana w'umuhungu wasezeranijwe aza, Yesu yavuze ko ari ko bizamera muri iyi minsi.

127 Noneho, turabona mbombe atomike n'amadini, hamwe n'ibyo byose, hamwe n'akajagari barimo. Turabona Billy Graham hepfo aho, na Oral Roberts, n'abantu bose bari aho; intumwa ya pentekote n'intumwa y'amadini hepfo hariya, tubona ibintu byose bigenda, bikora ikimenyetso. Billy Graham, umuhanga mu bya tewolojiya kugeza ku kadomo, ari byo idini ryizera. Oral Roberts, umuntu ukiza indwara kugeza ku kadomo, neza neza ni yo Pentekote . . .

128 Ariko nyine reba hano, hari ikindi kintu cyasezeranijwe Imbuto ya Aburahamu. Aho ngaho bari hasi mu yandi madini; hari ikintu kiri *hanze* y'amadini kigomba kubaho, gukusanya abantu. Tuzabireka bigende ejo k'umugoroba.

129 Reba, sinzi uriya mugore. Ndamutera umugongo. Niba Umwami Imana hari icyo aza kumbwira kuri uriya mugore, birashoboka ni—ni mu rugo, birashoboka ko ari ibijyanye n'umutungo, birashoboka ko arwaye; Simbinzi. Araza kumenya niba ar'ukuri cyangwa atari ko.

130 Niba iri joro We aza gukora nk'ibyo yakoze cyo gihe, wakwizera Imana ya . . . ko Yesu Kristo yasezeranije ko azaba ari hano muri iyi minsi y'imperuka? Ni bangahe bizera ko tubayeho nko muri Sodomu, mu gihe isi yose yagiye mubihe nk'ibya Sodomu? Ni bangahe muri mwebwe bemera ko nababwiye Ukuri

kuri uyu mugoroba? Noneho, bana mwe mbuto za Aburahamu, ni mwizere Imana!

131 Noneho, biraza kurenga ibitekerezo byawe ningerageza kugira icyo mbwira umugore, kumureba mu maso, cyangwa kubona ibintu byose uraguza umutwe cyangwa icyo ushaka kumenya. Umuntu wese uzi ibijyanye no kuraguza umutwe agomba kugira ubwenge burenze ubwo. Reba? Murareba? Wigeze ubona umuntu uraguza umutwe ubwiriza Ubutumwa bwiza? Wigeze ubona umupfumu wamamaza Ubutumwa bwiza, akora ibimenyetso n'ibitangaza, atangaza ko Yesu Kristo akiri wa wundi? Oya.

132 Reba, ni byiza...ni ibitekerezo by'abantu. Reba, ni impumyi. Wizera ko bashobora kuba impumyi? Bibiliya yavuze ko ari ko bazaba. Ni byo? "Ab'umutwe, wuzuye ibitekerezo, bakunda ibinezeza kurusha abakunda Imana, ni abanzi b'amahoro, abanyabinyoma, abatayoborwa, abasuzugura ibyiza, bagaragara nk'abakunda Imana, ariko bahakana Imbaraga zayo."

133 Ntabwo Yesu yavuze, muri Mutagatifu Matayo 24:24, ko iyo myuka uko ari ibiri mu minsi yanyuma yayobya n'Intore, niba bishoboka? Ariko ntibishoboka. Bari mu bitekerezo by'Imana mu ntangiriro, kandi ni urugingo rw'Imana.

134 Noneho, Mana ya Aburahamu, Isaka, na Yakobo, reka bimenyekane muri iri joro ko mvuga Ukuri kwerekeranye na We. Ni Wowe, Mwami. Twicishije bugufi ureke abagaragu bawe bashobore gushyira ibitekerezo byabo ku ruhande, yuko ushobora gukoresha imibiri yacu ku bw'icyubahiro cyawe. Mw'izina rya Yesu, Umwana w'Imana. Amina.

135 Impano ni iki? Si ikintu ufata ugakata hanyuma ugahinduka. Oya, oya. Ni ukumenya uko wakwikura mu nzira kugirango Imana ishobore kugukoresha. Impano ni ukwikuramo wowe ubwawe, maze Imana ikagukoresha.

136 Umudamu uri inyuma yanjye agiye gupfa aka kanya niba adakize. Umudamu uri inyuma yanjye yasengewe n'undi mugabo, vuba aha. Arwaye kanseri. Kanseri iri mu ibere rye no mu bihaha. Kandi aherutse gusengerwa, kandi aragerageza kubyemera kubwo kwizera ko yakize. Ibyo ni UKU NI KO UWITEKA AVUZE! Ibyo ni ukuri, madamu? [Mushiki wacu ati: "Ni byo, ni ukuri."—Ubwanditsi.] Niba ari byo, zamura—zamura ikiganza mu badukurikiye. Imana ya Aburahamu iracyabaho! Ni byiza, genda wemere ibyo wizere ibyo wizeye, uzamererwa neza. Amina.

Urizera? Uravuze uti: "Tuvuge iki ku batwumva?"

137 Uyu mugore wicaye hano...kumpera y'umurongo, umudamu wa kabiri aho ngaho. Ubwo nahindukiraga aho ngaho hari ikintu nabonye, ikintu ku kuboko kwe, umuvuduko w'amaraso ukabije. Afite umuvuduko w'amaraso

ukabije. Ni byo, madamu? Zamura ikiganza cyawe. Niba wizera, umuvuduko w'amaraso wawe uzagabanuka. Imana ya Aburahamu iracyahari. Iracyari neza uko yari iri, Ijambo ry'Imana kuri uyu munsi!

138 Umerewe ute? Urizera ubu? Wizere Imana! Ameze nk'umwana gusa. Imana izi umutima wawe, wowe mugore ukiri muto, Njye sinshoboye. Wizera ko Imana ishoboye kunyereka ibitagenda neza kuri wowe? Uzamwizera nimbikwereka? Ntabwo ari ibyawe, ni uwundi muntu, ibyo ni bya musaza wawe. Kandi yihagazeho cyane, ari hano mu majyaruguru y'umujyi, i Tulare. Kandi ari mu bitaro, kandi arwaye kanseri y'amaraso, kandi abaganga baramuhebye ngo apfe. Nta byiringiro na gato. Ni byo. Urizera? [Mushiki wacu ati: "Yego."—Ubwanditsi.] Ni byo. Ni iki ufite mu ntoki zawe? Gifate ukimurambikeho. Ntushidikanye, wizere. Amina.

139 Urizera? Sinigeze mbona uyu mugore mu buzima bwanjye. Ariko Imana ikomeza kuba Imana! Noneho, mbwira ikiremwa muntu gishobora gukora ibyo. Ntabwo ari ikiremwa muntu gishobora kubikora. Ni Imana Yesu Kristo yasezeranije ko izaba hano mu minsi y'imperuka kandi igomba kwigaragaza Yo ubwayo (mbere y'imbuto ya Aburahamu) nk'uko byari bimeze mu gihe cya Sodomu.

140 Noneho hano, uyu mugore simuzi, ntabwo tuziranye, ndakeka ko ari ubwa mbere duhuye mu buzima. Wizera ko ndi umugaragu We? [Mushiki wacu ati: "Yego."—Ubwanditsi.] Wizera ko iri ari ryo Jambo? ["Yego."] Kandi uzi ko, niba iri Jambo rikiri ukugenzura kw'ibitekerezo n'ibyo umutima wifuza. Ni byo? ["Ni byo."] Ijambo ni Umuvuzi, kandi, nanone, niba ushobora kuryizera. Urabikora. Ufite igicucu, nacyo, hamwe n'igicucu cyijimye. Ni kanseri. Mbese urizera ko Imana ishobora kumbwira aho iyo kanseri iri? Iri mu mara mato, ni ko abaganga bavuga. Urizera noneho ko uzakira? ["Amina."] Genda, kandi ntushidikanye na gato, kandi Imana izagukiza. Amina.

141 Urizera, abantu bose? Gusa ni byo Yasezeranije gukora! Gira kwizera Imana, ntushidikanye.

142 Ntago tuziranye. Sinkuzi. Niba tutaziranye, menyesha abatwumva ko, dufashe ibiganza. Sinigeze mbona uyu mugore mu buzima bwanjye.

143 Aho uhagaze aho urizera? Urizera ko ari Yesu Kristo? Ni iki? Ni Ijambo Rye. Iyo aba bantu baryanze, ntibaba banze umuntu, baba banze Ijambo. Ni Ijambo ryari hanze, ntirishobora gusubiramo.

144 Noneho, uyu mugore ntituziranye. Sinigeze mubona mu buzima bwanjye. Imana ni Umukiza. Bishobora kuba atari ugushaka gukira uburwayi, bishobora kuba ari ikindi kintu, ariko Imana nizansobanurira ikibazo cyawe, uzanyizera? Ikintu cya mbere ushaka gusengera, ni, ufite ugutwi kutari kuzima.

Kumwe mu matwi yawe, ntikumva. Ni byo. Ni byo. Noneho ufite akamenyero, ukaba ushaka kwikuramo iyo ngeso, ni ukunywa itabi ry'isegereti. Shyira urutoki rwawe mu gutwi kuzima nonaha, ni byo, ugutwi kwawe kuzima. Ni byo. Noneho wizere Imana maze wikomereze urugendo rwawe, kandi ntu . . . kandi ntuzongera kunywa itabi ukundi ahubwo wizere. Genda, Umwami aguhe umugisha.

Urabona uko byagenze. Ntabwo Ari umunyakuri?

145 Sinkuzi, ntituziranye. Sinigeze nkubona mu buzima bwanjye, ariko Imana irakuzi. Imana nishobora kumbwira ikintu kuri wowe, uzizera?

146 Abatwumva bose bazizera? Hari umuntu uri aho uziranye n'uyu mugore? Hari umuntu mu batwumva uziranye n'uyu mugore? Ni byiza, muzi niba ibi ari ukuri cyangwa ko atari ko. Ibi bigomba kubikemura. Ibi bigomba kuvugisha ukuri.

147 Noneho ushobora kubona ibyabaye mu minota mike ishize. Urabona? Ni . . . Ndumiwe. Urabona? Ni byiza, ibintu byose simbibona neza. Urabona, Ni ubugenzuzi bw'ibitekerezo. Reba, Ni Umwuka Wera. Ntabwo ari njye. Ni Ijambo ryasezeranijwe kuri uyu munsi. Ntabwo byigeze bibaho kuva mu bihe by'intumwa, ntabwo byigeze bibaho. Ariko aho byavuzwe ngo: "Mbere gato yo kuza k'Umwana w'umuntu. Nkuko byari bimeze mu gihe cya Loti, ni ko bizagenda no mu gihe cyo kuza k'Umwana w'umuntu." Abahakanyi ntibabyizera. Ntibateganirijwe kubyizera. Ariko abizera barabyizera!

148 Noneho, Umwuka Wera nabihishura, ni bangahe babyizera n'umutima wabo wose, mwazamura ibiganza byanyu?

149 Hari ibyawe byangiritse. Wakoze impanuka y'imodoka, ituma utakaza amagufa yawe amwe yo mw'irugu. Ufite kandi n'impyiko yakuwemo. Ni byo, si byo? [Mushikiwacu ati: "Yego muvandimwe."—Ubwanditsi.] Urizera? ["Yego muvandimwe."] Uzakira. Umwami ahabwe icyubahiro.

150 Wizera ko Imana ikiza ibibazo by'impyiko? Noneho komeza kandi wizere gukira kwawe.

151 Ngwino, madamu. Reba muri ubu buryo. Wizera ko Imana ikiza ibibazo by'umutima? Ni byo, igendere kandi wizere, umutima wawe uramererwa neza.

152 Ngwino hano. Wizera ko Imana ishobora kugukiza umugongo, ukamererwa neza? Komeza kandi ubyizere nonaha.

Gusa wizere Imana, ibyo ni byo byonyine ugomba gukora!

153 Ngwino, madamu. Urizera ko Imana ikiza ibibazo byo mu gifu? Genda, urye ifunguro ryawe rya nimugoroba, wizere n'umutima wawe wose.

154 Ngwino. Wizera ko Imana ishobora gukiza rubagimpande? Noneho genda, wizere, kandi ukore . . . kandi Imana izagukiza.

155 Ni byo, ngwino. Wizera n'umutima wawe wose? Urizera? Indwara ya rubagimpande, nanone. Wizera ko Imana ishobora kugukiza? Komeza, ubyizere, vuga uti: "Urakoze, Mwami."

Ni bangahe bizera ahongaho? Urizera?

156 Uyu mugore wicaye hano wambaye ikanzu itukura, uriya uzamuye ikiganza, arwaye umuvuduko w'amaraso ukabije. Wizera ko Imana ishobora kugukiza? Urabyizera? Ni byo. Rambura ikiganza cyawe kuri uwo mugore mukurikiranye, umubwire ko ijwi rye rigiye kumera neza. Amina.

Ni uko bimeze. Amina. Urizera? Gira ukwizera!

157 Dore umugabo wicaye hano, arimo kuva amaraso. Urizera, muvandimwe, wowe wicaye hano neza? Ni byo, urimo kuva amaraso. Urizera ko bizakira?

158 Umudamu uri iruhande rwawe nawe afite indwara yo kuva amaraso, kandi afite ikibazo cy'umugongo. Wizera ko Imana igiye kugukiza? Urabikora? Zamura ikiganza cyawe maze ubyizere. Izere.

159 Uyu mudamu uri iruhande rwawe afite ikibazo cy'amaguru n'amatako. Uremera ko ari byo, madamu? Wizera ko uzakira? Ni byiza, zamura ikiganza cyawe, vuga uti: "Ndabyemera."

160 Ni byiza, umudamu iruhande rwe afite ubwandu. Wizera ko Imana izakiza ubwo bwandu, wowe mugore ukiri muto wambaye indorerwamo? Zamura ikiganza cyawe uvuge uti: "ndabyemeye." Ni byo, byizere.

161 Uriya mugore bakurikiranye arwaye impyiko. Wizera ko Imana izagukiza impyiko, madamu? Ni byo, zamura ikiganza cyawe, ubyemere.

162 Umukobwa muto iruhande rwe arwaye umwingo. Wizera ko Imana izagukiza umwingo? Zamura ikiganza cyawe, ubyemere.

163 Ni bangahe bizera n'umutima wabo wose? Noneho muhaguruke ku birenge byanyu maze mubyemere. Mugaragare imbere y'Imana ya Aburahamu, Isaka, na Yakobo.

164 Mu Izina ry'Umwami Yesu Kristo, Umwuka Wera amanuke muri iyi nyubako aka kanya maze akize umuntu wese mu Kugaragara kw'Imana!

*Imana ni Yo Musobanuzi w'Ibyayo* KIN64-0205
(God Is His Own Interpreter)

Ubu butumwa bwa mwene Data William Marrion Branham bwabwirijwe mu Cyongereza ku mugoroba wo kuwagatatu tariki ya 5, Gashyantare, 1964, muri Kern Country Fairgrounds muri Bakersfield, i California, muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, bwafashwe amajwi kuri za bande mu mwimerere wabwo bwandikwa nk'uko bwabwirijwe mu Cyongereza. Ihindurwa mu Kinyarwanda ry'ubu butumwa ryakozwe rinatangazwa na Voice Of God Recordings.

KINYARWANDA

©2023 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org

Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashishisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamije kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org